# Global Storybooks

globalstorybooks.net

## Imbuto Ntoya: Inkuru ya Wangari Maathai

Nicola Rijsdijk
Maya Marshak
Patrick Munyurangabo

This work is licensed under a Creative Commons Attribution 4.0 International License.
https://creativecommons.org/licenses/by/4.0

# Imbuto Ntoya: Inkuru ya Wangari Maathai



Nicola Rijsdijk
Maya Marshak
Patrick Munyurangabo

3

Ikinyarwanda rw



Mu igiturage mu imberama z’umusozi wa Kenya muri Afrika y’iburengerazuba, agakobwa gato kakoraga mu mirima na nyina we. Izina rye ryari Wangari.



Wangari yakundaga kuba hanze. Mu umurima w'umuryango we yarimaga ubutaka n'umuhoro we. Yasunikaga imbuto ntoya mu ubutaka.



Igihe cy’umunsi yishimira cyane ni nyuma y’izuba rirenze. Iyo bwiraga bigoye kubona ibihingwa, Wangari yamenyaga ko ari igihe cyo kujya murugo. Yakurikiraga inzira zifunganye mu mirima, akambukiranya imigenzi agenda.





Wangari yapfuye muri 2011, ariko twamutekerezaho buri gihe tubonye igiti kiza.




Wangari yakoze cyane. Abantu kw'isi hose barabimenye, banamuha igihembo cyamamaye. Kitwa Nobel Peace Prize, ninawe mugore w'umunyafrika wambere ugihawe.





Wangari yari umwana w'umuhanga kandi niyari gutegereza kujya ku ishuli. Ariko ninya na se we bashakaga ko aguma aho akabafasha murugo. Ubwo yarafite imyaka irindwi, musaza we mukuru yatoteje ababyeyi be ngo bamureke ajye kw'ishuli.



Yakundaga kwiga! Wangari yarize byinshi na byinshi muri buri gitabo yasomaga. Yakoze neza kw'ishuli bamutumira kwiga muri Leta zunzububwe z'America. Wangari yari yishimye! Yashakaga kumanya byinshi na byinshi ku isi.






Uko igihe cyagiye, ibiti bishya byakuzemo ishyamba,n'imigezi itangira gutemba nanone. Ubutumwa bwa Wangari bwamenyekanye muri Afrika. Uyumunsi, amamiriyoni y'ibiti bimaze gukura kuva mu imbuto za Wangari.




Wangari yarazi icyo gukora. Yigishije abagore uko batera ibiti kuva mu imbuto. Abagore bagurishaga ibiti bagakoresha amafara mukwita ku imiryango yabo. Abagore barishimye cyane. Wangari yari yabafashije kwiyunvamo imbaraga no gukomera.





Kuri kaminuza y'America Wangari yamenye ibintu byinshi bishya. Yize ibihingwa nuko bikura. Kandi yibutse uko yakuze: akina imikino na basaza be mu gicucu k'ibiti mu mashyamba meza yamanyakenya.



Uko yamenyaga byinshi, niko yarushagaho kumenya uko akunda abantu ba Kenya. Yashaka ko bishima bakanigenga.





Ubwo yarangizaga amasomo ye, yagarutse muri Kenya. Ariko igihugu cye cyari cyarahindutse. Imirima minini yari ihurutuye k'ubutaka. Abagore ntibari bafite inkwi zo gutekesha. Abantu bari abakene n'abana bari bashonje /inzara.